/NK.J.B./F.M./

0 8 MARS 1982

456/12.08.02

Kuli Bwana Bourgmestre

wa Komini NYARUGENGE

K I G A L I

Bwana Bourgmestre,

Maze kubona ibaruwa yanditswe n'abakinnyi batandatu ba Orchestre ABAMARARUNGU basezera muli iyo Orchestre. Ibaruwa yabo aliko ntisobanura neza ingorane bagize ali nazo zituma bashaka kuva mu bamararungu.

None rero kubera ko itorero ry'abamararungu duhora turyiyambaza igihe cyose hateganywa imikino muli Capitale, bityo iryo torero likaba lifitiye Igihugu akamaro, ndagusaba gusuzuma neza ibibazo Abamararungu bafite muli iki gihe, ukabimenyesha, byaba ngombwa tukarebera hamwe uko ibyo bibazo twabitunganya kugirango itorero ryo kudindira.

Ministri w'Urubyiruko

n'Imikino

NDINDILIYIMANA Augustin

Cdt BEM

REPUBLIQUE RWANDAISE - MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DES SPORTS

Bimenyeshejwe:

- Nyakubahwa Bwana Prezida wa Republika y'u Rwanda
  K I G A L I
- Bwana Ministri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  K I G A L I
- Bwana Préfet wa Prefegitura ya KIGALI
  K I G A L I

Kigali, le 9/2/1982

Folklore et loisirs

B 11/2/82

A traiter par
Date entrée 10 FEV. 1982
N° Classement : 0711/12.08.02

Kuli Nyakubahwa Bwana Bourgmestre
wa Komini Urbaine ya NYARUGENGE
KIGALI.-

Bwana Bourgmestre,

Tubandikiye tubamenyesha ko, twakomeje kwihanganira iyi groupe y'Abamararungu, kugeza ubu imyaka ibaye itatu, ali ineza ali inabi twarenzaga ho, none aho bigeze turananiwe, ejo mutazumva ko abantu baniganye muli Groupe y'imikino, byaba biteye isoni cyane mu bandi icyakora Bwana Bourgmestre, icya mbere tubanje kubamenyesha, ntitwanze gucuranga, ntitwanze animation Komini iramutse idukeneye, ku munsi wa Animation ali ku manywa ali nijoro ali ku muhanda ali aho mushaka hose dushoboye kujyayo, aliko tutali mu "ABAMARARUNGU".

Amatiku n'ubutiliganya n'uburyarya bili muli iyi Groupe, muzi uko iyo groupe twayiruhiye aliko ntibabyibuke twanze kudahanana bya ninjye mukuru nijye utegeka twanze kuryamirwa ngo ntuvuge, wavuga bakajya kuzana abacuranzi bavuye muli groupe bayisebya bayituka bababwira ko twebwe tuli abanzi babo tutabashaka nkaho alitwe twatumye bava muli groupe bamaza kubaduteranya ho ugasanga duhigana nabo ntacyo dupfa. Twasaba urufunguzo rw'icyumba cya répetition ngo inzu si iya Komini, bakatwima urufunguzo, n'ibindi byinshi tutarondoye, bikaba byatumye twebwe :

NAHIMANA Ramazani
MAKANYAGA Abdul
RUTAGANDA Charles
RUTAGENGWA François
SAFARI Suleïman
ANGALIKIYANA Gabriël tutagishoboye kuba muli iyo groupe.

Bimenyeshejwe :
- Bwana Ministri w'Urubyiruko n'Imikino
  KIGALI.-
- Bwana TWAGIRAYEZU Evode Ushinzwe
  Ballet ya Komini ya NYARUGENGE
  KIGALI.-
- Bwana HABINEZA Shabani Représentant
  wa Groupe ABAMARARUNGU
  KIGALI.-
- A.M.R.

ORCHESTRE INKUMBURWA

Secteur BILYOGO
Commune NYARUGENGE
Préfecture KIGALI.-

Kigali le 8 Werurwe 1982

Transmis par ..................
Date entrée : 9/3/82
N° Classement : 1188/12.08.02

Nyakubahwa Bwana Prezida w'Umulyango w'Ubuhimbyi n'Umuzika mu Rwanda(A.M.R)
KIGALI

Bwana Prezida,

Twebwe abagize Orchestre INKUMBURWA, tubandikiye tubasaba ko orchestre yacu yashyirwa muli iIyo shyirahamwe ly'uwo mulyango kandi tukaba twiyemeje kwifatanya namwe mu kuzamura uwo mulyango w'ubuhimbyi n'umuzika.

Mu gihe tugitegereje igisubizo cyanyu cyiza,tubaye tubashimiye tubifuliza ishya n'ihirwe ku mulimo mushinzwe.

DG Sports
à suivre
11/3/82

Bimenyeshejwe:

Bwana Ministre w'Urubyiruko n'Imikino mu Rwanda
i KIGALI

MAKANYAGA Abdul
Chef d'Orchestre

Mariane
Contactez Shahani et ce Makanyaga qu'ils viennent ensemble au bureau-ici -
12/3/82 -